**A Ibibazo bitera kwirema ibice:**

- **Amakimbirane no kwirema ibice.**
    - Kwirema ibice kwari mu itorero ry'i Korinto ni ukuhe (1 Abakorinto 1:12)?
    - Abayobozi batari bamwe bari baranyuze i Korinto, kandi buri mwizera yari afite umubwiriza we akunda cyane (Pawulo, Apolo, Petero...). Ibi byari byarageze aho bitera amakimbirane hagati yabo (1 Abakorinto1:11).
    - Kubwo kutamenya ko bose babwirizaga ubutumwa bumwe, bibandaga ku bintu bidafite agaciro (1 Abakorinto 3:5–8).
    - Buhoro buhoro, byagize ingaruka ku buzima bw'itorero (1 Abakorinto 3:3). Kutagira ubumwe byahinduye uburyo bwo kujya ku Ifunguro ry'Umwami (1 Abakorinto 11:33), ndetse bagera n'aho baregana mu nkiko (1 Abakorinto 6:1).

**B Uburyo bwo kubungabunga ubumwe:**

- **Ubumwe muri Yesu.**
    - "Mbese Kristo yagabanijwemo ibice? Pawulo ni we wababambiwe? Cyangwa mwabatijwe mu izina rya Pawulo?" (1 Abakorinto 1:13). Muri ibi bibazo, Pawulo arashaka ko bīnīra bakibaza.
    - Ubumwe bushobora kugerwaho gusa iyo tugize Yesu Umwami wacu. Ubumwe ntibuzanwa no gukurikira mitekerereze cyangwa ibitekerezo bya mwenedata, cyangwa kubwo gushinga amatsinda mato.
    - Ariko ubumwe muri Yesu ntibuvuze gukora ibintu kimwe. Ntibisobanura ko twese twatekereza kimwe kuri byose, cyangwa ko twese dukore kimwe.
    - Haba ugutandukana guto kw'ibitekerezo cyangwa se buri wese akagira impano zidahuriweho, iyo Yesu ari We zingiro, haba ubumwe aho kubyara kwirema ibice (1 Abakorinto 12:12–13, 25, 27).
    - Ubumwe mu itorero bugerwaho gusa iyo umuntu apfuye ku narijye, akabaho kubwa Yesu.
- **Ubwenge no gukura.**
    - Pawulo yita Abakristo badakuze "impinja muri Kristo," "aba kamere" (1 Abakorinto 3:1). Bene aba Bakristo bibanda cyane ku bantu kuruta Yesu.
    - Iyo abayobozi bamwe bahawe agaciro gatuma abandi bakabura, havuka amatsinda acamo itorero ibice. Ibi ni ingaruka zo kudakura. Kubw'ibyo, Pawulo aturarikira kugera ku gukura muri Kristo (1 Abakorinto 2:6).
    - *<u>Abadakuze</u>* : Bameze nk'impinja (1 Abakorinto 3:1); batungwa n'amata (1 Abakorinto 3:2); ni aba kamere (1 Abakorinto 3:3); bayobywa n'ibitekerezo by'abandi (1 Abakorinto 3:4).
    - *<u>Abakuze</u>* : Ni abantu bakuze (1 Abakorinto 14:20); barya ibyokurya bikomeye (Abaheburayo 5:14); ni ab'umwuka (1 Abakorinto 2:13); bafite ubushishozi bwo mu bya mwuka (1 Abakorinto 2:14).
- **Gukorera abandi no kwicisha bugufi.**
    - Nk'uko biri muri iki gihe, mu kinyejana cya mbere abantu barimo ibice bitewe n'imitekerereze ya politiki, ubucurabwenge, amadini n'ibindi. Ni gute twakwirinda ko ibyo byakwinjira mu itorero bigatera kwirema ibice?
    - Inyifato y'umuyobozi igira uruhare runini. Abayobozi b'itorero bagomba kumenya neza inshingano zabo nk'ibisonga. Si ba nyir'itorero; ahubwo baryitaho kubwa Kristo gusa.
    - Umuyobozi w'itorero ni Yesu, abandi bose baryitaho nk'"abagaragu ba Kristo" (1 Abakorinto 4:1).
    - Umugaragu uyobora agomba kwitwara nk'uko Umwami we yitwara: ahora yiteguye kwicisha bugufi kugira ngo akorere abandi (Abafilipi 2:3–8).
    - Ni ubuhe bumwe bwaba mu itorero, buri wese—atari abayobozi gusa, ahubwo na buri mwizera wese—aramutse akoze atyo?
- **Kubaha abayobozi.**
    - Kuba hābaho amakimbirane no kwirema ibice mu bayobozi, ntibivuze ko tugomba kubanga. Ibiri amambu, Pawulo yashyigikiye kandi arengera ubutumwa bwa Apolo ndetse n'umurimo we i Korinto (1 Abakorinto 3:5–6; 4:6; 16:12).
    - Iyo abayobozi bakoze mu budahemuka, baba bakwiriye kubahwa (1 Abakorinto 4:2; 1 Timoteyo 5:17). Ariko nubwo batahabwa icyo cyubahiro, bakomeze kuba indahemuka nk'abazi ko ari Imana ubwayo ibacira urubanza, atari abantu (1 Abakorinto 4:3-4).
    - Abayobozi b'Abakristo batera ikirenge mu cya Yesu iyo bemeye kubabazwa kubera abavandimwe babo, ndetse byaba ngombwa bagapfira umurimo wabo (1 Abakorinto 4:11–13; 2 Abakorinto 11:23–28).
    - Abayobozi cyangwa abizera ntibahamagariwe kurwana cyangwa impaka, ahubwo ngo bunge ubumwe mu guhimbaza Yesu no kubwiriza ubutumwa bw'umusaraba.